INTARA YA GISUNYA
UMA Y'INTARA GISUNYA:

Ibyabereye mu nama ya le 21 ugushyingo 1955.

Inma yatangiye saa 3, yarigizwe :
1°) n'Umuyobozi w'Inama, Umutware GACINYA F.,
2°) abajyanama: a) abatware b'imisozi: Kabagema Chr.
Musonera A.
Kanyabujinja W.
Rwagasana A.
Ntagozera Fr.
Muyombano P.
Rutaneshwa G.
Rwanyindo Chr.

KIBUNGO
3823

b) abnyacyubahiro: Gakwaya F.
Kaberuka,G.
Gatarabashi L.
Shumbusho R.
Muneyi E.
Mandari A.
Bikomindera Cl.
Karoro J.B.

Umujyanama Ntunda E. niwe wenyine utaje mul'iyo nama, aliko yali yamenyesheje Umuyobozi w'inama impamvu yamubujije.

Umuyobozi w'Inama ati: Ndabasobanulira ko imisogongero y'amafranga 25 y'umuhinda, na 27 y'amashyamba, Inama nkuru y'Igihugu w'iteraniro lyayo lya 6 yayemeye.
Naho amafranga 30 y'umusogongero rwali twemeje ko azatangwa n'umuntu wese usora wo mu ntara, mu mwaka 1956 y'ibyubakwa n'ibigurwa byo mu ntara, nka centre administatif, Inama nkuru y'Igihugu yayabyanze ngo tuzabiteganyize mu ngengo za C.A.C., kandi muzi ko ieyadu teraga gushyiraho uwo musogongero, kwal'ukugirango habonek'aya C.A.C. menshi, akazubakishwa, ibikenewe cyane byo kubitaro bya Kibungu, kuko al'iby'Intara.
Kubwanjye, ndasanga twakwemeza ko uwo musogongero w'amafranga 30, yatangirwa kubaka:
a) Inzu y'irwalizo lyabarwayi banduza,
b) Inzu irwalirwamo,
c) Inzu y'abarwayi bafungulirano,
d) Inzu y'itekero;
kuko ibyo byose iryo vuliro libikeneye cyane, kand'amafranga y'isanduku y'intara yacu akab'atakubak'ibyo bya Centre administatif, ngo akore n'ibyo byo ku bitaro.
Rutaneshwa ati:,Muby'intara yacu ikeneye, bibabaj'abantu cyane, kandi bitey'ubwira, ntakiliho kirenze iby'uvuzeb byo kubitaro; ati kubwanjye, ayo mafranga yatangwa, kand'ubu, nta muturange n'umwe wo mu ntara yacu uyabuze.
Mandali ati: Ayo mafranga yal'akwiye kuko ibyo bitaro bibabaje, at'aliko se non'umusoro w'uyu mwaka baba bazawungura cyane?
Kabagema ati: Ntabwo bongera umusoro badakulikij'urwunguko abaturage babonye mu mwaka, ati lero twese tuzi ko nta cyatubujij'urwo rwungukomul'uyu mwaka wa 1955, kuko nta zuba twagize, cyangwa se n'imvura ngo yaraturumbilije nk'ahandi; -tutibagiwe n'uko n'imishahara y'abakozi yungutse; Ati ikindi lero, nk'uko twabimenyeshejwe, ibyo bitaro bya Kibungu byajyaga bifashwa n'intara zose z'iyi Territoire, bizihalirwa n'intara ya Migongo n'iyacu, nk'uko Ubuganza bwose uko ali 3, buzafatanya gutunga, gufasha no kungura ibitaro bya i Rwamagana byahoze al'ibya Ninétain, ati lero iyo mpamvu, igasobanura byeruye, ko isanduku yacu ikwiye kungukirw'amafranga izatungish'ibyo bitaro, ifatanyije n'iya Migongo.
Umuyobozi w'Inama abaz'abyemera ko ayo mafranga uko ali 30 yatangwirw'ibyo byêrekey'ibitaro, n'ababihakana.
Abajyanama 15 barabyemera.
Umujyanama 1 arahakana.

Inama irangiye saa 4 n'iminota 17'

Umwanditsi w'Inama:
GOMBANIRO Innocent,

Umuyobozi w'Inama:
GACINYA Faustin,